# MOUVEMENT RWANDAIS POUR LE CHANGEMENT DEMOCRATIQUE (M.R.C.D)

## FLN/ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU n ° 2019/03/19

Ingabo ziharanira kubohoza abanyawanda (FLN – Front de Libération Nationale) ziramenyesha abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga ibi bikurikira :

Kuva ku wa gatanu tariki ya 15 Werurwe 2019, ingabo za FLN zigaruriye kandi zigenzura akarere kose k'amajyaruguru y'ishyamba rya Nyungwe gahana imbibi n'imirenge ya Nyamagabe na Nyarauguru.

Mu ijoro ryo ku wa gatandatu tariki ya 16 Weruwe 2019, mu kiyaga cya Kivu, twahatsindiye ingabo za Leta y'U Rwanda (RDF) zishinzwe kurwanira mu mazi bituma dukomeza urugendo rwo kwagura ibirindiro byacu.

Ku cyumweru tariki ya 17 Werurwe 2019, twagabye igitero gikomeye ku ngabo za Leta y'U Rwanda (RDF) zari zikambitse mu karere k'amajyepfo agana iburengerazuba bw'ishyamba rya Nyungwe, tuzigwa gitumo tuzineshereza ahitwa i Karambi. Byatumye twinjira kandi tunoza ibirindiro by'ingabo zacu mu ishyamba rya Nyungwe mu karere ka Nyamasheke.

Kugeza magingo aya, turagenzura byimbitse, nta nkomyi, imipaka y'amajyepfo agana iburengerazuba ndetse n'imipaka y'amajyaruguru y'ishyamba rya Nyungwe.

Turagira inama abanyarwanda batuye muri iyi mirenge ibiri cyangwa hafi yayo kwitonda no kwirinda kugenda ninjoro cyane mu turere turimo ibikorwa bya gisirikare.

Ingabo za FLN zongeye guhamagarira abanyarwanda gukomeza gutera inkunga uru rugamba rugamije kuvanaho ingoma y'ingoyi n'agacinyizo ya Paul Kagame n'umutwe we wa FPR.

Bikorerewe i Nyabimata, Ku wa 19 Werurwe 2019

**Maj. Callixte N. SANKARA**



**Umuvugizi w'ingabo za FLN**

http://www.mrcd-ubumwe.org
Twitter: @MUbumwe
Email: contact@mrcd-ubumwe.org